

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ______________________________

School: ______________________________

Class: ________________ Year ________________

Subject: ______________________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

AKUMUNTU Athanase

Père : NYGAMAKWANDI Athanase
Mère : MUKARUHAMO Pauline

Cellule : BUHANDA
Secteur : NYAKOGO
Commune : MASANGO
Préfecture : GITARAMA

Ecole : Petit Séminaire
St Léon
KABGAYI

# IMIGENDEKERE Y'UBUZIMA BWANJYE MU GIHE CY'ITSEMBATSEMBA N'ITSEMBABWOKO, MURI MATA 1994 (UKO mbyibuka)

Kera nkiri umutoya, ubwo ndavuga mbere y'imyaka cumi n'ibiri, nakundaga kubona iwacu bumvikana cyane n'abaturanyi, atari abo mu muryango wacu gusa ahubwo n'abandi bose muri rusange. Iyo habaga ibirori maze mu rugo iwacu hakaba hari inzoga, abo mu muryango n'ab'ahandi bazaga bisanga, maze bagasabana ugasanga bishimishije.
N'ubwo ariko ababyeyi banjye ndetse na bakuru banjye bo batari bayobewe iby'amoko ndetse rimwe na rimwe bakabiganiraho, twebwe abana ntacyo twari tuzi, uretse gusa uko kwumva ngo kanaka ni "umuhutu" undi ngo ni "umututsi"... ku bwanjye ku giti cyanjye, naje kumenya ubwoko bwanjye nigá mu mwaka wa gatanu, aho umwarimu wacu yatubazaga ubwoko bwacu bitewe n'isomo ry'amateka yari amaze kutwigisha riringa uko amoko yaturaye u Rwanda. Uretse bamwe mu banyeshuri, nabwo bacye cyane, nta muwana wundi washoboye kumenya ubwoko bwe. Nibwo mwarimu yatubwiye ati mugende mubaze ababyeyi banyu maze muzagaruke mumbwire. Bucyeye mu gitondo tuza kwiga twabibajije, maze mu gihe cya ninngo roba, neza neza mbere ya saa sita dutaha ndi umukoro, mwarimu yari yadusabye kumukorera.
Akajya ahagurutsa abanyeshuri akurikije ubwoko bwabo bamubwiye. Ati "Abahutu ni bande? Nibahaguruke". "Abatwa ni bande

muri mwe? Nibahagurukе." Abari abatutsi ni bande"?

Abo yavugaga bakumva bihuye n'igihe ryiwabo bwabo iwabo bababwiye bakitaga bahagurukа. Ubwa mbere yahagurukije abahutu, maze mbona bose bahagurukanye ishema n'ishyaka, dore ko bari benshi ajane bityo bakiyumvamo akanyabugabo n'ubwo bwose bari abana ariko nta kindi gitekerezo kiri inuhande. Ubwa kabiri ahamagazaho abatwa maze abantu bose barashiguka ngo barebe abana bahaguruka maze babaha urwamenyo, dore ko n'ubundi mwarimu akimara ga kubaza nibo nta batwa bahari, abanyeshuri bose bari bacetse bagize ku katsi abandi barimo gukomera. Icyadutangaje n'uko nta muntu n'umwe wigeze ahaguruka bijyerekana ko nta mutwa wari uri mu ishuri ryacu. Ubwa nyuma ahagurutsa Abatutsi ari nacyo gice nanjye nahagurutsemo.

Tumaze guhaguruka babana basigaye bicaye bagereranyije uko banganaga n'uko natwe tungana baradukwena ngo yooo bwiza n'uku tungana ngo pa nta byahyu!

Byaratubabaje ariko ntitwabikurikira na ngo tubaze byibura mwarimu cyangwa se ababyeyi impamvu abo bana batujyije ko twari bacyeye mu ishuri ryacu.

Kuva uwo munsi nahise menya ko ndi umututsi menya ubwoko bwe mugenzi wanjye twicaraha ku ishuri, ariko ibyo mumvaga ntabyo binshishikaje kuko numvaga ari ko Imana yabishatse nkumva ndetse nta n'impamvu yatuma umuntu asekwa kubera ubwoko bwe cyangwa se ngo arengangwe.

# INTAMBARA IGITANGIRA

Mu rugo iwacu twari abana batanu kandi ababyeyi bacu bombi bose bari bariho. Papa yakoraga i KIGALI naho mama twabanaga ku BUHANDA.

Igihe impanuka y'indege y'uwari Perezida w'u Rwanda iba, hari ku wa gatatu tariki 7/04/94, papa yari yasubiye i KIGALI kuwa kabiri mbere y'uko iyo mpanuka iba, kuko yari amaze iminsi mu kiruhuko i muhira.

Igihe iyo mpanuka yajyanye n'urupfu rwa Perezida Habyarimana Juvenal hahise haba icyunamo no gucikamo igikuba mu baturage.

Nibwo twumvaga ko i KIGALI ngo batangiye kwica abantu, ntawari uzi ko abari bibasiwe ari abatutsi. Ariko rero aho ku Buhanda ho, ndetse n'ahandi hantu ho mu giturage, ubwicanyi bwari butarahaguruka ndetse butaranahagera rwose.

Hashize igihe kingana n'iminsi irindwi abantu bakiri mu gihe cy'amaganya bibaza uko ibintu bigiye kuzagenda / byarayoberanye, ariko ubwo na none nta bantu bari barapfa. Ndavuga ku BUHANDA. Mu cyumweru cya kabiri niho ibintu byatangiye gukara / cyane ko impunzi zanyuraga mu muhanda zihunga ziva ku KIBUYE zijya i KABGAYI maze zatunyuraho tukabyibazaho ariko tugacyeka ko twe bitazatugeraho, zajyaga zitubwira ko Abahutu bari kwica, gutwikira no gusahura Abatutsi maze abantu bose bagira ubwoba ndetse bamwe bemera ko natwe bizashyira bidushyikiriye bamwe mu baturanyi bakuru ngana na ba batutsi bavuye ku KIBUYE.

Bose berekezaga umuhanda uva ku BUHANDA ujya i KABGAYI uretse ko hari abageraga mu nzira bikabayobera bakinyurira ikko kwa bene wabo intambara yari itaragera uretse ko byari guhungira ubwayi mu kigunda.

Mu rugo twese ntitwigeze tujya i KABGAYI ahubwo twagumye aho tugira ngo turebe uko amaherezo bizagenda, ariko na none icyatubujije n'uko data wacu wari umudikegiteri w'amashuri abanza yari yadusobanuriye y'uko aboshya abantu ngo bajye i KABGAYI ari ukugira ngo nibamara kubirundira bazabone uko babica bari hamwe kandi ari benshi.

Ntibyatinze inka ziabatutsi bo muri Rusizi, Rusizi iyo akaba akarere duturanye, ziba iza mbere mu kuribwa no mu gutsembatsembwa n'ubwo batari baratangiye kurica abantu.

Umuntu wa mbere wariye cyangwa wishe inka ya mbere ni umugabo wabagiraga ku BUHANDA akaba kandi yari azwi ho ubuhanga mu byerekeranye no kurica inka akaba yitwaga KIGUSHU. Burugumesitiri yabanje kumufunga ariko ntihashize kabiri aba avuye mu munyururu ibye bida sobanutse.

Muri iyo minsi mibwo uwahoze ayobora kera Commune MASANGO "MPAMO" yakoresheje inama yo kurimbura labatutsi. Iyo nama yitabiriwe hafi y'abahutu bose, maze imyanzuro guhera uwo munsi itangira gushyirwa mu bikorwa.

Umwe mu'imwe muri iyo myanzuro uko nagiye nyumvana abavuye mu

mama yari iyi!

- Kwica umututsi iyo ava akagera
- Kurya inka za ABATUTSI
- KUBASAHURA
- KUBASENYERA
- KUTABAHISHA ...

Ntibyatinze batangira kujya batanga umunsi bazaza kugusahuriraho n'igihe bazaza kugusenyera. Iwacu batubwira ko bazaduteza Inuwa kame. Icyo gihe dubwirwa imishwaro turahunga.

Njyewe nahungiye mu karere mama yavukagamo n'ibiwo kari kari hafi ayane yo ku BUHANGA iwabo wa Data hakaba kari naho hari iwacu.

Nahamaze nk'ibyumweru bibiri kandi uwari umpishe yari aturanye na kwa Sogokuru ubyara mama, akaba yari umuntu uvuga imiti ya kinyarwanda akaba kandi yari azwi n'abantu benshi batandukanye haba n'abahutu bata-ndukanye. Uwo mugabo yitwaga SIRICO."

- Iminsi ibiri nkiri iwacu nkora yioko ngiye kwa SIRIRO ba data wacu babiri bari bamaze gufata bapfiriye mu nzira bahunga umukuru muri bo yitwaga GAKWANDI André naho uwari umuto yitwaga GATERA Jean.

Nakwandi yagiye mu gitero cyamfatiye hafi y'abantu batega na n'icyo bacyita kwa NYIRAKANYECHAMO, ariko na n'ubu ntawe uzi aho bajugunye ndakuzi ko ari ukujugunya atari ugushyingura. GATERA we baramufatiye ku Rukira maze bamupakira imodoka yari ipakiye abantu ku ruzi ruzuri ku iguma rya NYABARONGO, akaba

ari naho bamujugunye hamwe n'abandi
bari kumwe bamaze kubahondagura.

Icyo gihe gyose nari nihishe kwa
SIRIRO wa muganga wa Bihanga na
babwiye kare, barumuna banjye babiri
bari bihishe ku rugo twari duturanye
nyine ku BUHANDA naho undi umwe
yihishe ku mukecuru witwaga NYAMURUNDI

Ntihashize igihe gitoya kwa SIRIRO
haza umugabo witwaga Viyatori iwabo
hakaba i SARUHESHYI muri Komine
MUKINGI. Uwo mugabo icyamuzengazaga
ngo ari kureba umuntu w'umugore we
yakekaga ko atwite. SIRIRO ni ubwo
mbere yari yakiriye Viyatori uwonguwo
akimubwo yari aranzwe atamugi kubunyo
umuntu yainga ko bendaga kuba inshuti.
Niko kumubwira ati Viyatori mwose
wakurihanganye ukampishira kaniya kana
ko se ari i KIGALI yenda ko ashobora
no kuba yarapfuye, uramutse ugahishe
utinaba uagiriye neza? Viyatori utiyazu-
yaje ahita yemera. Ubwo tukaba twuraga
kurya ari ninimugoroba nyumma ya
saa moya, kandi ndabyibuka uko muri
twari ku munwero. Icyatumye SIRIRO
atakoa Viyatori kumpisha ni uko Viyatori
yari ari kumubwira ko iwabo i Saruheshyi
bakuyeho umwanda ko nta mututsi
ukiharangwa ko abataraapfuye bagiye i
KABGAYI. Yatubwiye ko kandi niyo
bamenya ko ndi umututsi ntawankora kuko
ngo iwabo ~~[illegible]~~ abantu bose baramuti-
nyaga cyane.

BWARACYEYE ku wa mbere mu gitondo
ndabyuka nifasha SIRIRO gukama inka

maze Viyatori ayampamagara dushyira inzira sirikare adaherekeje. Ageze hirya alasezera maze numva ntangiye kumva mfite ubwoba buvanze n'agahinda. Viyatori ariko ntiyahwema kumpumuriza ambwira ko ntacyo nzaba rwose.

Ubwo turahita duca kwa Nyirabukwe, maze naho baraduherekeza mu gahanda twagombaga kunyuramo.

Hashize akanya muri ako gahanda twagendagamo, dore ko ari nanjye wari uri imbere abandi bagenda bagamije ibya'abakwe na ba Sebukwe duhura na bimwe mu bihararumbo by'interahamwe maze ntoma amaso ndeba ku ruhande mbona izo mbwa gasani ziraheze mubwo ntamenye ko zari zigiye guhiga umukuru wanjye.

Naje kumenya ko zagiye zikamubura ahubwo zigafata bakuru banjye babiri ari bo :- SHYAKA Paulin na
- HIRWA Faustin.

Zikimara kubafata zahawe amafaranga magana atanu ngo zirekure abo bana, ariko biba ibyubusa bakabajyana ndetse bakabica babata mu byobo by'aho bita ga muri Rusizi.

Abo babisha twarabarenze tuba tugeze imbande rw'urugo rwacu y'Imuhanda, ariko ako kumuhanda tuhasanga igikenyeri gishinze mu mwobo hejuru cyigomboye kikaba gitunga mantoki kuri abo ngo. Ubwo Sebukwe na Nyirabukwe na Viyatori bati muze tujye kureba iki muri uriya rugo.

Turagenda maze tukigera ku irembo twumva abantu bari mu rugo barimo tuhavugira basa n'abafite umusaku ariko ndakabije.

Turakomeza turinjira tugera mu nyumba dusanga barimo barahapimira amarwa, kandi tunahasanga n'abagugi bahazindukiye dore ko ubwo hari hamaze kuba nka saa tatu za mu gitondo.

Bagura amarwa ubwo duba turanyoye ariko n'abantu bakomeza kuganira ku by'intambara yari imaze kuba. Ntibyantunguye Viyatori nawe atangiye kuvuga icyo kiganiro, ndetse bigeza n'aho avuga ngo n'iwabo barakoze kuburyo n'umwana uzavuka azaza abaza uko umututsi yabaga ameze.

Ikiganiro birakomeza, ariko hagati aho jye ntacyo narenzagaho uretse kwimwenyura nkaruca nkarumira. Muri abo bantu bari bateraniye aho narabutswemo umugabo witwaga Rwicaninyoni akaba yari yarahoze ari Responsable wa Selire ya Buhanda ariko akaza kwimuka akajya iwabo i Kibirizi. Uwo mugabo rero muri ibyo biganiro uretse ni nk'aho ariwe ahamiriza wari ufite ijambo.

Ikiganiro byenda kurangira yavuze ati umbabarire rero shahu: « Jyewe nzongera kumvikana n'umututsi ari uko sakabaka yumvikanye n'inkoko! »

Ubwo aho nari ndi umutima unashiguka ariko ndiyumanganya abyumva uka'ba wagirango ntacyabaye.

Nyuma twaje kuva aho turasohoka, maze bidatinze abari baduherekeje baradusezera baragenda natwe dukomeza urugendo. Tugiye hepfo gatoya tuba tugeze kwa nyina wabo wa Viyatori akaba yari yarashatse mu Basunzu.

Uwo mugore yitwaga NYIRAKIGWENE.
Niko tukigeze, Viyatori amuteberereza ibyanjye, maze aramubwira ati ubu
reka iyi mwana ngiye kumushakira
ngo njye mujyana ko ati uyu mwana wawe
ubwo aleaba ari mubyara wanjye.
Uwo mugore abanza kwanga, aramubaza ati "Ariko viyatori urinda ushaka kumutuza muvukisha mo iki?"
Ntibyatinze viyatori aratomatoma maze Nyirakigwene aravuba ati "Ahaaa, ngaho mujyane ndabyemeye."
Nawe aradusherekeza atugeza kuri, ariko igihe nari ndi imbere bo bari inyuma, mbona abagore babiri bari mo gukamisiriza uruteki maze umukuru muri bo arambaza ati "Niko sha, ujyiye he?" Ndamusubiza nti "Hano hirya." Arongera ati hehe? Nti "Muri Gafunzo." Nkimara gusubiza ntyo, Viyatori aba araje ariyo akimara gusezera maze dukomeza tugenda nta kindi wa mugore arengejeho.
Twagiye igihe kito mu nzira za kinyarwanda dukita dufata inzira ndende twagombaga kutugeza kugasantere kari hafi aho hakaba hitwa muri GAFUNZO.
Twarabonye maze ntitwatinda tuba tugeze muri Gafunzo. Tukihagera umugore umwe waho ahamagara Viyatori maze aramubaza ati "Mbe viyatori we, iyo nyenzi uyijyanye he?"
- Uyu ni mubyara wanjye wo kwa mama wacu wa hono hirya kwa Nyirakigwene.
- Ubwo ntumbeshya sha?
Hampima se uko muzuru we?

- Have wigunuye gusetsa ahubwo mbwira uze ugurire rimwe.

- Ahaaa inzoga se shahu ugirango hari ifaranga rikibaneka? Ndabizi ereg wowe niyo yaba ari inyenzi ndawayirenza mu cyimpizi.

Ako kanya Viyatori ahita amusezera ko maze duhita dukomeza urugendo agenda ansobanurira kandi ampu-rimuriza.

Turi hafi kugera hafi ~~ya~~ yiwabo duhura n'umugore wa Sebwabo wa Viyatori maze amubaza ithinyerekeyeho amubwira ko ndi mubyara we ngo ko nzajya mufasha imirimo yo mu ngo ~~x~~agihe umugore we arwaye.

Turakomeza maze tugera mu ngo nko mu masaaba, dusanga umugore we aryamye, maze amubwira ko tuhaza-nye ananebsobanurira atamubeshya.

Ubwo duhita dushaka ibyo turya, nyina ajya kunyereka aho bavoma.

Mu nzira duhura na Responsable w'iyo serire ya Kinegeri akaba yari twaga MBOGO. Uwo MBOGO akaba yari kumwe abandi n'Interahamwe hafi ya zose zo muri iyo serire. Maze ziramboma koko. Ziti - miko sha Viyato, iyo mututsi uramujyana he? Agerageza kubumvisha ko atari umututsi ko ngo ndi mubyara we, ariko baranku-rikirana ubona ko ibyo Viyatori ababwiye batabyemeye pe!

Aho i SARUHESHYI mahabaye igihe ariko ibibazo bitabura. Viyatori ntiyahwe maga kuguruka Responsable inzoga kuko yari azi ko nzose ndi umututsi.

Hashize igihe mama azana na Nyiramakobwa nyirabukwe wa Viyatori kunsura ambwira ko umuhisi ugenda ari ho baminuna banjye babiri bapfuye. Ariko ambwira ko umukuru wanjye witwaga Théodore na murumuna wanjye twakundaga kwita Kadugiri bo bakiriho.

Bampaye gutaha, Viyatori yemeye kwakira murumuna wanjye maze bukeye ku Cyumweru Viyatori ajya kumuzana turabana.

Intambara yarakomeje maze abasore n'abana tubahungishiriza i Mutara abagabo natwe ariko nari ndi kumwe n'undi muhungu w'inshuti twari twihishanye witwa Forodori twembi ntituzahunga.

Intambara irangiye, twaje gusubira imuhira dusanga Mama ariwe wenyine wibana ku Buhanda, tutazi agakuru ka Papa.

Mukuru wanjye we bambwiye ko yari yarapfuye, yarapfanye na Data wacu Musonera bari bihishanye bakaba bose barabajugunye mu cyobo kirekire hamwe n'umugore wa data wacu n'abana be.

Hashize igihe gito Papa agiye kubona mbona drakingutse, aranga noli mu rugo rwenyine ariko ntabaga kumva ari izoza nuko arampobera ayanue ariko jyewe sinari nkimumbara.

Nuko ubuzima burakomeza, n'ubwo ntaa mibereho. Mu rugo twari dusigaye turi abana babiri mu bana batanu. Ubukene bwari butugeze kure kuko bari baradusahuye tutakigira shinge na rugero.

Amateka y'intambara nahumuye naya
hagarikira / aha gusa sinibagirwe
gushimira ingabo zitwaga INKOTANYI
kuba zaradukuye mu mazi abira
tugacika ku icumu tugakira intera
hamwe zari ziyemeje kutumara.

——— o ———

Akumuntu Athanase

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.